Kwishyura make bihabwa ababyeyi mu mashuri y'incuke (barnehage/SFO) Kuva muri Mutarama 2021

AMASHURI Y'INCUKE

Uku kugabanirizwa igiciro bihabwa iryango yinjiza umushahara uri munsi ya kr.592 167 ku mwaka. Iyo mubana mu rugo mukaba mufite umushahara uri munsi ya kr. 592 167 ku mwaka mushobora gusaba kugabanirizwa mukishyura make ku bana bari mu mashuri y'incuke. Kandi wibuke ko iyo ufite abana benshi, buri mwana aba agomba gusabirwa.

Igihe cy'ibanze cy'ubuntu cyongererwa miryango yinjiza munsi ya kr. 566.100 ku mwaka.

Igihe cy'ibanze cy'ubuntu bivuga ko umwana ahabwa amasaha 20 atishyurwa mu ishuri ry'incuke buri cyumweru. Ushobora guhabwa igihe cy'ibanze kuva muri Kanama(8),muruwo mwaka umwana wawe yuzuzamo imyaka 2. Niba usabye ubwishyura make bigenerwa ababyeyi, uzahita uhabwa igihe cy'ibanze niba mu urugo rwawe mwinjiza umushahara utarenze kr. 566.100 ku mwaka**.**

SFO

Kw**ishyura make bihabwa ababyeyi ku ngo zifite umushahara uri munsi ya kr. 505.083 ku mwaka**.

Ababana mu rugo, hamwe bakaba binjiza munsi kr. 505.083 ku mwaka bashobora gusaba kugabanyirizwa igiciro cy'ababyeyi muri SFO.

SFO ku buntu mu mwaka wa 1 ku miryango yinjiza munsi ya NOK 350.000 ku mwaka.

Niba usabye kugabanyirizwa igiciro muri SFO, uzahita uhabwa SFO ku buntu niba umwana wawe ari mwaka wa mbere kandi mu rugo mwinjiza munsi ya kr.350.000 ku mwaka.

Usaba utya: Usaba hakoreshejwe ikoranabuhanga . wohereze kandi inyandiko zemewe. Winjira ukoresheje "ID porten (Bank ID, Min ID, n'ibisa nabyo) kugira ngo usabe.

Impapuro zisaba amashuri y'incuke urazisanga hano:
www.bergen.kommune.no/redusertbetalingbarnehage

Impapuro zisaba SFO urazisanga hano:
www.bergen.kommune.no/redusertbetalingSFO

Ufite abana hombi mu ishuri ry'incuke no muri SFO?

Aha urakoresha urupapuro rusaba kugabanirizwa mu mashuri y'incuke n'amashuri abanza.
Urarubona ukanze ku ifishi isaba (søknadsskjema) iyo ukanze kuri imwe muri ziriya fishi zerekanwe haruguru.

Ni ikihe cyemezo cyemewe:

- Imenyekanishamisoro ya 2020 (Skattemelding 2020) ku bantu bakuru bo mu rugo rumwe n'umwana zigomba koherezwa hamwe n'ifishi isaba
- Niba hari impinduka nini ku mushahara uri ku imenyekanishamisoro, ubyerekana wongeraho umugereka w'impapuro z'imishahara itatu ya zanyuma.
- Niba warirukanwe ku kazi, ushobora kwomekaho icyemezo cy'umukoresha.
- Icyemezo cy'inkunga itangwa n'ikigega cy'inguzanyo y'ishuri n'icyemezo cy' uko uri umunyeshuri
- Icyemezo cya NAV mbonezamubano / ihagarikwa ry'ibyemezo byavuye muri NAV
- Niba utegereje ibisubizo by'inkunga biva muri NAV, ugomba kubyerekana
- Izindi nyandiko zerekana amafaranga winjiza

Ntabwo mfite imenyekanishamisoro
Umuntu wese wabaga muri Noruveje mu mwaka ushize afite imenyekanishamisoro kandi agomba kuyishyira ku gusaba kwe. Niba aribwo ugeze muri Noruveje kandi ukaba udafite imenyekanishamisoro, ugomba gushyiramo ibyangombwa byerekana ko ufite uburenganzira bwo kuba muri Noruveje.

Gusaba guhera ryari:
Gusaba kugabanirizwa kwishyura bikurikizwa guhera mu kwezi gukurikira uko gusaba byakiriwemo. Uzohererezwa icyemezo kikumesha ko wemerewe. Niba umwana yiga mu ikigo kigenga, ikigo kizahabwa kopi y'icyo cyemezo.

Ntabwo mfite numero yubwiteganyirize / sinshobora gusaba kuri elegitoronike:
Ushobora kuvugana na komine ya Bergen, Serivisi ishinzwe abenegihugu (innbyggerservice) iri Kaigaten 4, kugirango bagufasha elegitoronike cy. ku mpapuro niba udafite numero y'ubwiteganyirize. Witwaza indangamuntu yemewe, hamwe n'inyandiko zisabwa mu gusaba. Serivise y'abaturage ifite nimero 55 56 55 56.

NB! Mwibuke gusaba buri mwaka!
Ugomba gusaba bushya kugabanyirizwa igiciro buri mwaka. Saba mubambere! Saba muri Kamena(6) kugirango ugabanyirizwe kwishyura kuva muri Kanama(8)